National Bank of Rwanda
Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

*The Governor*

# ITANGAZO RY'IBYEMEZO BY'INAMA YA KOMITE ISHINZWE POLITIKI Y'IFARANGA MURI BANKI NKURU Y'U RWANDA

## Banki Nkuru y'u Rwanda yagumishije igipimo cy'inyungu fatizo yayo kuri 7.5%

Komite ishinzwe Politiki y'Ifaranga muri Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yateranye ku wa 22 Ugushyingo 2023, ifata umwanzuro wo kugumisha igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR kuri 7.5 ku ijana mu mezi atatu ari imbere.

## Uko ibiciro byitwaye mu gihe gishize

Mu gihembwe cya gatatu 2023, umuvuduko w'izamuka ry'igipimo rusange cy'ihindagurika ry'ibiciro waragabanutse ugera kuri 12.7 ku ijana uvuye kuri 15.2 ku ijana mu gihembwe cya kabiri 2023, biturutse ku igabanuka ry'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa bibikika na serivisi, iby'ibiribwa byangirika vuba n'iby'ibikomoka ku ngufu. Igabanuka ry'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro mu bicuruzwa bibikika na serivisi ryatewe n'uko ibiciro byabyo byari hejuru cyane mu gihembwe cya gatatu umwaka ushize. Umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa byangiraka vuba wagabanutse bitewe no kwiyongera k'umusaruro w'imboga n'imbuto mu gihembwe cya gatatu cy'uyu mwaka ugererangije n'umwaka ushize. Naho umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro by'ibikomoka ku ngufu wagabanuwe no kwiyongera kw'amakara n'inkwi ku isoko hamwe n'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli byari hejuru cyane umwaka ushize.

## Iteganyamibare ku ihindagurika ry'ibiciro n'imbogamizi

Umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ukomeje kugabanuka n'ubwo ukiri hejuru kuri 11.2 ku ijana mu Ukwakira 2023. Ariko, byitezwe ko uwo muvuduko uzagabanuka ukagera mu mbago BNR igenderaho hagati ya 2 na 8 ku ijana mu mpera z'uyu mwaka, ukaba hafi 6 ku ijana mu buryo bw'impuzandengo muri 2024, bitewe n'ingamba za politiki y'ifaranga n'iza Leta zigamije gukumira izamuka rikabije ry'ibiciro, hamwe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa fatizo ku isoko mpuzamahanga.

Iri gabanuka ry'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro, rishingiye ku muvuduko muke w'izamuka ry'ubukungu bw'isi, hamwe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa fatizo ku isoko mpuzamahanga. Mu mbogamizi zatuma iri teganyamibare ritagerwaho, harimo amakimbirane mu rwego rwa politiki ashobora kugira ingaruka ku biciro by'ibicuruzwa fatizo ku isoko mpuzamahanga n'ihindagurika ry'ikirere rishobora guhungabanya umusaruro w'ubuhinzi.

**Uko ubukungu bw'u Rwanda buhagaze**

Ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kwiyongera, n'ubwo umuvuduko w'izamuka wagabanutse. Umusaruro mbumbe w'imbere mu Gihugu wiyongereyeho 6.3 ku ijana mu gihembwe cya kabiri 2023, ariko byitezwe ko uyu muvuduko uzagabanukaho gato mu gihembwe cya gatatu 2023, nk'uko bigaragazwa n'igikomatanyo cy'ibipimo by'ubukungu biboneka ku buryo bwihuse. N'ubwo umusaruro w'ubuhinzi ukomeje kuba muke n'uruhare rw'ubukungu bw'Isi ruzaba ruto, umusaruro mwiza w'urwego rwa serivisi n'urw'inganda uzagira uruhare runini mu izamuka ry'ubukungu bw'u Rwanda.

**Uko ubuhahirane n'amahanga buhagaze**

N'ubwo agaciro k'ibyo u Rwanda rwohereje mu mahanga kagabanutseho 3.8 ku ijana, icyuho hagati y'ibyoherezwa n'ibitumizwa mu mahanga cyaragabanutse mu gihembwe cya gatatu 2023, bitewe n'agaciro k'ibitumizwayo nako kagabanutse. Igabanuka ry'agaciro k'ibyoherezwa hanze, ryaturutse ku igabanuka ry'ibikomoka ku ngufu bitumizwa mu mahanga hagamijwe kubicuruza mu bihugu duhana imbibi. Byongeye kandi, ibitumizwa mu mahanga byagabanutseho 3.1 ku ijana bitewe n'igabanuka ry'ibikomoka ku ngufu byatumijwe hanze.

Mu mezi icyenda ya mbere y'umwaka 2023, icyuho hagati y'ibijya n'ibiva mu mahanga cyagutseho 12.2 ku ijana ugereranyije n'amezi icyenda ya mbere umwaka ushize. Ibi hamwe n'ugukomera kw'idolari biturutse ku ngamba za politiki ya Banki Nkuru y'Amerika, byatumye agaciro k'ifaranga ry'u Rwanda, ugereranyije n'idolari, kagabanukaho 13.5 ku ijana mu mpera za Nzeri 2023. N'ubwo bimeze bityo, u Rwanda ruzakomeza kugira ubwizigame buhagije mu madovizi, bwafasha mu gutumiza hanze ibicuruzwa na serivisi byibura mu gihe cy'amezi ane.

**Inyungu ku isoko ry'imari**

Mu buryo bw'impuzandengo, inyungu banki z'ubucuruzi zigurizanyaho yarazamutse igera kuri 7.99 ku ijana mu gihembwe cya gatatu 2023, ivuye kuri 6.05 ku ijana mu gihembwe cya gatatu 2022, bitewe n'izamuka ry'igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR. Byongeye kandi, inyungu ku mpapuro mpeshamwenda za Leta n'inyungu ku mafaranga abitswa mu mabanki zarazamutse. Ariko inyungu ku nguzanyo zitangwa na banki z'ubucuruzi yaragabanutse igera kuri 15.93 ku ijana mu gihembwe cya gatatu 2023, ivuye kuri 16.17 ku ijana mu gihembwe cya gatatu 2022. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'inguzanyo nini z'igihe kirekire zatanzwe ku nyungu ntoya.

**Umwanzuro wa Komite ishinzwe politiki y'ifaranga**

Ishingiye ku iteganyamibare ku muvuduko w'izamuka ry'ibiciro, Komite ishinzwe Politiki y'ifaranga yafashe icyemezo cyo kugumisha igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR kuri 7.5 ku ijana. Isesengura ryagaragajeko iki gipimo gikwiye ngo umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ugaruke mu mbago ngenderwaho, hagati ya 2 na 8 ku ijana, mu mwaka utaha. Hatagize

impamvu zitunguranye mu mezi ari imbere, igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR kizaguma kuri iki kigero. Komite ishinzwe politiki y'ifaranga izakomeza gukurikiranira hafi uko ubukungu bwifashe kandi yiteguye gufata ingamba zikwiye kugira ngo umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ugume mu mbago BNR igenderaho.

**Kigali, Ku wa 23 Ugushyingo, 2023**

Digitally signed by BNR(GOVERNOR)

NATIONAL BANK OF RWANDA: THE GOVERNOR
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU

**RWANGOMBWA John**
**Guverineri wa Banki Nkuru y'u Rwanda**
**akaba n'umuyobozi wa Komite ishinzwe Politiki y'Ifaranga**